



## DUSIGASIRE UBURENGANZIRA BWA MUNTU:

*“TWITE KU BUZIMA, TURENGERA UBURENGANZIRA  
BWA MUNTU”*



**Copyright ©2021**

CCOAIB na ICNL

Umuntu wese wandukura, ufotora atagamije ubushakashatsi, cyangwa se uhindura ibikubiye muri iyi nyandiko byose cyangwa igice cyabyo atabisabiye uruhushya, ahanwa n'amategeko arengera abanditsi.

---

Iyi mfashamyumvire ku “kurengera uburenganzira bwa muntu mu bihe bidasanzwe” yateguwe ku bufatanye hagati ya:

✓ CCOAIB

✓ ICNL

## IJAMBO RY'IBANZE

Ku isi yose, kurwanya icyorezo cya Covid-19 ni kimwe mu biri gutwara imbaraga nyinshi Leta z'ibihugu n'abaturage babyo. Muri ibi bihe bidasanzwe, Ihuriro ry'Imiryango Itari iya Leta Iharanira Amajyambere y'Ibanze (CCOAIB mu magambo ahinnye y'Igifaransa), ku bufatanye n'Ihuriro Mpuzamahanga ICNL, bateguye iyi mfashanyigisho kugira ngo ifashe abafite mu nshingano kurengera ubuzima, gukomeza kwita ku burenganzira n'ubutavogerwa by'ikiremwa muntu hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza mpuzamahanga.

Gutunganya iyi mfashanyigisho ni kimwe mu bikorwa byinshi CCOAIB ifatanyamo na ICNL bishyigikira ingamba zo kurwanya icyorezo cya Covid-19, hubahirizwa uburenganzira bwa muntu, ubwisanzure bwo kwishyira hamwe, guhura, gutanga ibitekerezo ndetse no kugira uruhare mu bikorwa.

Kurwanya icyorezo hanubahirizwa uburenganzira bwa muntu ntibyagerwaho hatabayeho ubufatanye bw'inzezo za Leta, iz'abikorera, imiryango itari iya Leta n'abandi bafatanyabikorwa muri rusange. Buri wese nabigira intego ntakabuza tuzatsinda.

**Covid-19 ni ikizamini kuri twese, dukomeza kwiga tunafata ingamba zo guhangana n'iyi virus. Ubudahangarwa n'uburenganzira bya muntu bikwiye kuba ku isonga muri uru rugamba. Guma mu rugo, akato n'izindi ngamba zigamije gukumira no kurwanya ikwirakwira rya Covid-19 zigomba gufatwa hubahirizwa amahame y'uburenganzira bwa muntu, zikaba zikwiye kandi ziboneye mu rwego rwo gukemura ikibazo cyasuzumwe kikagaragazwa - nubwo mu gihe zifashwe zishobora kugira ingaruka zitari zitezwe ku mibereho y'abantu.**

*"Ijambo rya Komiseri mukuru ushinzwe iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu mu muryango w'abibumbye".*

NGENDANDUMWE Jean Claude



Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa CCOAIB

## **1. IBY'INGENZI LETA ZIGOMBA GUKORA:**

**1. Kugaragaza neza kandi vuba ubwoko bw'icyorezo.** Nubwo Covid-19 ari imbogamizi ikomeye, ariko ntabwo buri cyiciro cy'imbogamizi gikeneye ibihe bidasanze. Igihe hatangajwe ibihe bidasanze biturutse kuri Covid-19, Leta zigomba gusobanura neza icyo buri ngamba yafashwe igamije gukemura.

**2. Gushyiraho ingamba zihariye no gukumira bumwe mu burenganzira n'ubwisanzure bya muntu bikaba bikwiye kandi biboneye.** Ingamba zo gukumira icyorezo cya Covid-19 zigomba gutegurwa mu buryo zitabangamira cyane uburenganzira n'ubwisanzure bya muntu. Aho bibaye ngombwa ko uburenganzira n'ubwisanzure bibangamirwa, ingingo y'ibanze ni uko ingamba zose zishyizweho zigomba kugarukira gusa ku kurwanya ubukana bw'ikiza cyangwa ibibazo byatewe nacyo, kandi byabanje gusobanurwa neza.

**3. Ingamba zifatwa zigomba kuba ari iz'igihe gito kandi zifite ubwinyagamburiro bwo kuvugururwa.** Uko ibihe bidasanze n'ingamba bigenda biba birebire, ninako hagenda huririraho ibyago byo kubangamira uburenganzira bwa muntu. Aho bishoboka, Leta z'ibihugu zigomba gushyiraho ingamba z'igihe gito, zivugururwa uko ibintu bigenda bihinduka.

**4. Gutangaza hose ibihe bidasanze byateguwe ndetse na buri ngamba ikumira bumwe mu burenganzira n'ubwisanzure bya muntu.** Itangazwa ry'ingamba n'ibihe bidasanze rigomba gukorwa hifashishijwe uburyo bwumvikana kandi bikanyuzwa ahantu bibasha kugera kuri rubanda. Abantu bose bagomba kuba bumva ingamba zashyizweho, impamvu zashyizweho, ndetse bakaba babasha kuzubahiriza cyangwa guhinyuza imyanzuro n'ibikorwa na Leta aho biri ngombwa.



**5. Buri gihe hitabwa ku mahame n'iyubahirizwa by'amategeko.** Amahame shingiro y'ubutabera kuri bose, gufata umuntu wese utarakatirwa n'ubucamanza nk'umwera no kubonera ubutabera ku gihe bigomba kubahirizwa no mu bihe bidasanzwe. Kuzana ibirego bishya no kubyinjiza mu mpanabyaha bikorwa ari uko aribwo buryo bwa nyuma bushoboka.

**6. Ihagarikwa rya bumwe mu burenganzira bwemeranijweho mu masezerano mpuzamahanga rikorwa mu mucyo.** Igihe habayeho ihagarikwa rya bumwe mu burenganzira n'ubwisanzure, leta igomba kumenyesha abasinye amasezerano akubiyemo ubwo burenganzira mu rwego rwo gukorera mu mucyo no gusobanura ibikorwa byayo ku miryango mpuzamahanga.

## 2. IBYO LETA ZIGOMBA KWIRINDA GUKORA:

Kurinda uburenganzira bwa muntu hagendewe ku mahame mpuzamahanga bisaba Leta z'ibihugu gushyira mu bikorwa ingamba hubahirizwa ubudahangarwa, uburenganzira n'ubwisanzure by'ibanze bya muntu, kandi zigakoresha ububasha bwazo mu mucyo zirinda ivangura. Umuryango Mpuzamahanga wita ku Buzima utangaza ko amahame shingiro agenga uburenganzira n'ubuzima bya muntu ashingira ku: Gukorera mu mucyo, Uburinganire, Kwirinda ivangura mu kugira uruhare mu bikorwa.

Kugira uruhare rugaragara mu bikorwa nka rimwe mu mahame shingiro y'uburenganzira bwa muntu, bisobanuye ko abafatanyabikorwa bose ba Leta (harimo n'imiryango itari iya Leta) bahabwa umwanya mu byiciro byose bya gahunda: isuzuma, isesengura, itegura, ishyirwa mu bikorwa, ikurikirana n'igenzura. Kugira uruhare kuri bose ni ingenzi kuko byoroshya gukorera mu mucyo, bikarinda ko ubuyobozibukoresha ububasha mu buryo budakurikije amategeko.

*“Amahame y'Umuryango Mpuzamahanga Uharanira Uburenganzira bwa Muntu”*

**1. Uburenganzira bw'ibanze ntibukwiye gukumirwa cyangwa kubangamirwa.** Hatitawe ku rwego ikiza kiriho n'inkomoko yacyo, uburenganzira bw'ibanze bwemeranijweho mu masezerano mpuzamahanga ni ndakumirwa, nubwo haba ari mu bihe bidasanzwe. Muri bwo twavugaga: uburenganzira ku buzima, gutanga ibitekerezo, kwigenga mu guhitamo idini, kurindwa itotezwa, kwamburwa ubumuntu n'iteshwagaciro, ubucakara n'uburetwa no kudahanirwa ibyaha byakozwe mbere yuko itegeko ribihana rijyaho.

**2. Ibihe bidasanzwe ntibikwiye gushyirirwaho itsinda ry'abantu ryihariye - nk'abimukira, impunzi, imiryango itari iya Leta cyangwa abaharanira uburenganzira bwa muntu.** Leta zigomba gukora ibishoboka byose ingamba zafashwe ntizigire ingaruka zihariye ku matsinda ya ba nyamucye n'abafite ibyago byo kwibasirwa kurusha abandi (harimo abagore n'abana), abanyamadini cyangwa ubwoko mu buryo bw'ivangura. Izo ngamba zose ntizigomba gushyirirwaho itsinda ryihariye ry'imiryango ya sosiyete sivili cyangwa iy'abaharanira uburenganzira bwa muntu.




**3. Ntizikwiye gushyiraho ingamba zikakaye kandi zipfukirana ubona ibintu mu bundi buryo.** Ingamba zose zigomba gushyirirwaho gukemura ikibazo cyihariye, cyatejwe n'ikiza kandi zikaba zihariye kuri icyo kibazo.

**4. Leta ntizikwiye gukumira uburenganzira bwemeranijweho mu mategeko mpuzamahanga.** Komite ishinzwe kurengera uburenganzira bwa muntu mu muryango w'abibumbye itangaza ko hari inshingano Leta zidakwiye kurengaho nubwo haba mu bihe bidasanze, harimo nko kubahiriza amategeko arengera ikiremwa muntu, kudafata abantu bugwate, kwirinda ibihano rusange by'agahato, kutambura abantu ubwigenge, gutanga ubutabera kuri bose harimo no gufata uregwa nk'umwera kugeza igihe ahamirijwe ibyaha n'urukiko.

**5. Si byiza gushyiraho ingamba z'igihe kirekire.** Buri ngamba z'ibihe bidasanze zifashwe, intego yazo ikwiye kuba igamije gukemura ikibazo runaka kandi mu gihe kizwi. Iyo hatazwi neza igihe ikibazo kizaba cyakemutse, hafatwa ingamba z'igihe gito zikanashyirirwaho uburyo zizajya zivugururwa.

**6. Ntihakwiye gukumirwa ingamba zirwanya ihungabanywa ry'uburenganzira n'ubwisanzure bya muntu.** Nubwo Leta zashyiraho impinduka mu mikorere yari isanzwe kubw'ibihe bidasanzwe, ntizigomba kwirengagiza no gushyiraho ingamba zo kurwanya ihungabanywa ry'uburenganzira n'ubwisanzure bya muntu, nko gutanga ubutabera kuri bose.

### **3. INGAMBA ZO KURWANYA COVID-19 MU RWANDA N'INGARUKA ZAZO KU BWISANZURE BWA MUNTU**



Leta y'u Rwanda yagiye ishyiraho ingamba zitandukanye zo kurwanya icyorezo cya Covid-19. Iyi nyandiko ngufi, iragaruka kuri zimwe mu ngamba zagiye zishyirwaho zikumira bumwe mu bwisanzure bwa muntu, ikazigereranya n'umurongo mpuzamahanga uteganywa ndetse n'ingero z'uho ahandi byagiye bikorwa mu bihe bidasanzwe by'icyorezo.



### *Bimwe mu byemezo by'inama y'abaminisitiri:*

Kuwa 29 Werurwe 2021, inama y'abaminisitiri yavuguruye ingamba zo kurwanya Covid-19 zari zafatiwe mu yayibanjirije yo mu Ukuboza 2020. Ingamba zashyiriweho igihe cy'iminsi 15, mu ngingo zazifatwemo hakaba harimo izikumira bumwe mu bwisanzure bwa muntu:

- **Ingamba itegeka ko amahuriro y'abantu atagomba kurenza 30% by'ubushobozi bw'icyumba baturiramo yagumye. Ikanatega ko abantu barenze 20 bagiye guhura babanza kwipimisha Covid-19.** Kugira ngo ibigo n'imiryango byubahirize izi ngamba, bisabwa kumenya ubushobozi bw'icyumba bagomba guhuriramo bityo bagateganya umubare ntarengwa w'abantu bazitabira, bikanateganya uburyo bwo kwipimisha Covid-19 igihe hari buhure abarenze 20. Impinduka zabaye mu ngamba, zikemera ubu buryo bwo guhura, zisimbuye izabuzaga burundu amahuriro y'abantu benshi, ni urugero rwiza rwo kubahiriza uburenganzira bwo guhura no kwishyira hamwe, hanubahirizwa ingamba zo kwirinda Covid-19.
- **Amasaha ntarengwa yo kuba abantu bari imuhira (saa tatu z'ijoro kugeza saa kumi z'urukerera) yagumishijweho mu gihe cy'ibyumweru bibiri muri rusange, na saa moya z'ijoro kugeza saa kumi z'urukerera) mu turere tw'intara y'amajyepfo (Ruhango, Huye, Gisagara, Nyaruguru na Nyamagabe).** Ingamba ikumira burundu bumwe mu burenganzira bwa muntu idateganije irengayobora rishoboka, kandi ntinasobanure byimbitse uruhare rwayo mu gukumira icyorezo, zimwe mu nzego zishobora kuyishyira mu bikorwa mu buryo budakwiye cyangwa abantu bagakumirwa ku burenganzira ubundi busanzwe ari ndakumirwa, bityo iba ibusanije n'amahame mpuzamahanga.
- **Inama y'abaminisitiri kandi yakuyeho ingamba yabuzaga kujya no kuva mu turere twa Bugesera, Nyanza na Gisagara yari yashyizweho kuwa 15 Werurwe.** Kongera gukomorera imigenderanire hagati y'uturere mu gihe cyateganijwe (iminsi 15) ni imigirire myiza ituma abantu

n'imiryango inyuranye basubirana uburenganzira n'ubwisanzure nyuma y'irasa ku ntego ry'ingamba zari zafashwe.

- **Inama y'abaminisitiri iteganya buri gihe ivugurura ry'ingamba zafashwe nyuma y'iminsi 15.** Iki akaba ari igihe gikwiye, cyubahirije amahame mpuzamahanga mu gushyiraho ingamba zirwanya icyorezo hanubahirizwa uburenganzira bw'ibanze bwa muntu.

Kuwa 15 Werurwe 2021 kandi, minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu yasohoye amabwiriza yo kurwanya Covid-19, yihariye mu turere twa Bugesera, Nyanza na Gisagara. Ayo mabwiriza yarangiranye n'iminsi 15 nkuko byari biteganyijwe, akaba ari imigirire iboneye nkuko twabigarutseho hejuru. Cyakora bibaye ngombwa ko hashyirwaho andi nkayo, hakwiye gutekerezwa ku mwihariko w'uburenganzira ndakumirwa, mu gihe amabwiriza yose y'ubwirinzi yubahirizwa.

#### **4. COVID-19 N'UBURENGANZIRA BWA MUNTU**

##### **GUSUZUMA IYUBAHIRIZWA RY'AMATEGEKO MU ISHYIRWAHO RY'INGAMBA HAGENDEWE KU BIPIMO MPUZAMAHANGA**

Kuwa 30 Mutarama 2020, Umuryango Mpuzamahanga wita ku Buzima watangaje Covid-19 nk'icyorezo cyugariye isi. Mu guhangana nacyo, Leta z'ibihugu ku isi zagiye zishyiraho amategeko n'ingamba by'ibihe bidasanzwe bigamije kubungabunga ubuzima, ariko kandi bishobora no kubangamira uburenganzira n'ubwisanzure bya muntu. Zimwe mu ngero ni nk'aho Leta z'ibihugu zashyizeho ingamba za Guma mu rugo n'amasaha y'umukwabu, bibangamira ubwisanzure mu ngendo, ndetse zinakoresha imbaraga z'umurenge mu ishyirwa mu bikorwa ry'izo ngamba. Ahandi, Leta zashyize ku rutonde rw'ibyaha bihanirwa gusangizanya amwe mu makuru, bibangamira uburenganzira bwo gutanga no guhabwa amakuru. Ahandi, bahagaritse guhura kw'abantu nubwo baba bubahirije amabwiriza yo kwirinda.

Imiryango Mpuzamahanga iharanira uburenganzira bwa muntu yagiye ishyiraho amahame ngenderwaho mu gushyiraho ingamba zikumira icyorezo hanubahirizwa uburenganzira bwa muntu.

Uru rutonde rukubiyemo mu ncamake, ibyagufasha kumenya niba ingamba nshya Leta yafashe cyangwa izisanzwe zikurikije amahame mpuzamahanga agenga ubwisanzure mu kwishyira hamwe, guhura n'abandi mu ituze, gutanga ibitekerezo no kugira uruhare mu bikorwa. Nubwo uru rutonde rugaragaza iby'ingenzi byitabwaho mu gushyiraha ingamba zikumira icyorezo hubahirizwa uburenganzira bwa muntu, ntibivuze ko ari byo byonyine bihari.

✓ **Intambwe Leta igomba gutera mbere yo gushyiraho ingamba:**

1. Kugisha inama imiryango ya sosiyete sivili n'abandi bafatanyabikorwa,
2. Kugaragaza gahunda yo gushyiraho izo ngamba yumvikana kandi ishingiyeye ku bimenyetso,
3. Gutanga umurongo ngengamikorere ugaragaza uko Leta izashyira mu bikorwa izo ngamba mu buryo buhoraho kandi bufite icyerekezo,
4. Kugaragaza mbere ibikorwa bizaba bikomorewe mu gihe cy'izo ngamba, by'umwihariko ku baharanira iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, amahuriro y'ubucuruzi, abakora ibikorwa byo kwita ku mibereho myiza, abanyamakuru n'abanyamategeko, bityo bakabasha gutanga serivisi mu bihe by'icyorezo.

Igihe hashyizweho ibihe bidasanze, bikumira bumwe mu burenganzira bwa muntu, Leta imenyeshya Rubanda, Inteko Ishinga Amategeko n'Umuryango w'Abibumbye, kandi izo ngamba zikaba zifite igihe kizwi zizarangirira cyangwa se zikavaho by'ako kanya igihe icyo zashyiriweho gikemutse.

✓ **Igihe ingamba zashyizweho zifite impamvu zumvikana zo gukumira bumwe mu burenganzira:**

Hari uburenganzira ndakumirwa, nk'uburenganzira ku buzima, kudakorera iyicarubozo n'ubwicanyi, kurindwa kwamburwa ubumuntu n'ibihano nteshagaciro. Ikumira ry'ubundi burenganzira rigomba kuba:

- i. Rigamije kurwanya no gukumira ubwandu bw'icyorezo cya Covid-19,
- ii. Rishingiye ku mategeko,
- iii. Riri ngombwa mu kubungabunga ubusugire bw'ubuzima bwa rubanda kandi bigaragara ko ariyo nzira ikwiye yo kuburinda,
- iv. Rikwiye (niryo kumira rikwiye mu rwego rwo kurinda ubuzima bwa rubanda),
- v. Ari iry'igihe kizwi, rifite itariki rizarangirira, abantu bagasubirana uburenganzira bwabo busesuye,
- vi. Ritavangura, ngo rikorerwe by'umwihariko ku matsinda afite ibyago byinshi byo kugirwaho ingaruka, harimo abashomeri, abafite ubumuga, abatagira aho kuba n'abakora ubucuruzi buciriritse,
- vii. Rishingiye ku mategeko n'ivugurura ryayo.

✓ **Igihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba:**

**a) Amabwiriza rusange:**

- Nta gukoresha ingamba zashyizweho ukora ivangura rishingiye ku moko, imiryango, ibarara ry'uruhu, igitsina, ururimi, ibitekerezo bya politiki, inkomoko, umutungo cyangwa uko yavutse.
- Nta gushyiraho ibihano mu buryo busumbanya abantu.
- Nta gukoresha imbaraga z'umurenge, nko mu gutatanya abantu bari hamwe.
- Abanduye Covid-19 n'abakomoka mu bihugu byazahajwe nayo bafate kimuntu, ububahe, wirinda kubahohotera no kubavangura.

- Kora ibishoboka ibihano bitangwa ntibibe intandaro yo gukwirakwiza ubwandu bwa Covid-19.
- Tekereza ku mikorere y'inzego yagabanutse n'ihungabana ry'ubukungu byakoze ku butunzi bwa benshi mbere yo gushyiraho ibihano.
- Gushishikariza Leta n'abandi bafatanyabikorwa barimo imiryango ya sosiyete sivili, abavuga rikumvikana n'abayobozi b'inzego z'ibanze kubahiriza amabwiriza yo kurwanya Covid-19 no gukumira ubwandu bushya.

**b) Kwita by'umwihariko ku matsinda yihariye afite ibyago byinshi byo kwibasirwa:**

- Leta ishyiraho ingamba zihariye zo kurinda abasaza n'abandi bafite ubuzima bufite ibyago byinshi byo kwandura, kurembywa n'uburwayi, byaganisha no ku rupfu.
- Abakene, abatagira aho kuba, abimuwe mu byabo, abashaka ubuhungiro, impunzi n'abimukira nabo bagomba kungukira ku ngamba zifatwa zo kurwanya Covid-19.
- Ingamba zigomba kwita ku mwihariko w'ibikenerwa n'abakobwa, abagore n'abafite ubumuga.
- Leta ifata ingamba zo gukumira ikwirakwira ry'ubwandu mu mfungwa n'abagororwa, harimo kugabanya ubucucike, hafungurwa abafungiwe ibyaha bito, hasubizwa mu buzima busanzwe abagorowe bakagaragaza ko ntabibazo bateza mu baturage n'abafungiye ibyaha bito bategereje kuburana.
- Buri wese, hatitawe ku bwishingizi bwo kwivuza akoresha n'igice atuyemo, agomba kugerwaho n'ubuvuzi no kwitabwaho.
- Leta ishyiraho ingamba zo guhangana n'ingaruka zatewe n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba zo kurwanya Covid-19, by'umwihariko ku bababaye kurusha abandi n'abatanzwe n'imirimo ya nyakabyizi.

- Leta ishyiraho ikigega nterankunga kigamije gukemura ingaruka z'ihungabana ry'ubukungu n'imibereho myiza, by'umwihariko ku batishoboye n'abagizweho ingaruka kurusha abandi.

**c) Ku bijyanye no kureba umumaro w'ingamba zafashwe mu kurwanya ikiza:**

- Hashyirwaho ikipe ikorera mu bwisanzure kandi ifite uburyo n'ubushobozi, (a) Igakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba ikanazivugurura mu gihe cyagenwe, (b) Igakora ubugororangingo aho bikenewe, (c) Ikanakurikirana iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu.
- Inzego z'Ubucamanza n'Inteko Nshingamategeko zikora ubugenzuzi buhoraho hirindwa ko urwego Nyubahirizategeko rwakoresha imbaraga z'umurenge cyangwa rugakoresha mu buryo bunyuranije n'amategeko ububasha rufite.

**5. IYUBAHIRIZWA RY'INGAMBA NA BUMWE MU BURENGANZIRA NDAKUMIRWA**

✧ **Uburenganzira bwo guhura n'abandi no kwishyira hamwe.**

- Leta ntabwo ikuraho uburenganzira bwo kwandikisha umuryango wa sisiyete sivili n'andi mashyirahamwe. Kwiyandikisha bishobora gukomeza binyuze mu ikoranabuhanga,
- Imiryango itari iya Leta igumana uburenganzira bwo gukora imirimo yayo mu mahoro n'ubwisanzure. Guhura bishobora gukorwa hubahirizwa amabwiriza y'ubwirinzi cyangwa hagakoreshwa ikoranabuhanga (murandasi).
- Leta yubaha ikanarinda uburenganzira n'ubuzima bwite by'abantu bahura mu mahoro kandi batica amabwiriza.

- Leta yorohereza imiryango ya sosiyete sivili gukora ubuvugizi mu bwisanzure no kugira uruhare muri politiki n'ingamba zishyirwaho hifashishijwe amahuriro yo kuri murandasi.
- Buri muryango ugira uburenganzira bwo kugera ku bagenerwabikorwa ukorana nabo nta yandi mananiza.
- Nta tegeko rigomba gukumira imiryango ya sosiyete sivili kugera ku mahirwe y'inkunga yaba iz'imbere mu gihugu cyangwa mpuzamahanga.
- Leta itanga inkunga ku miryango ya sosiyete sivili ikora ibikorwa by'ingenzi mu guteza imbere ubuzima n'imibereho myiza, by'umwihariko ku bafite ubumuga n'abagizweho ingaruka kurusha abandi.
- Aho bishoboka, Leta itanga inkunga n'ubundi bufasha ku miryango ya sosiyete sivili, kandi igashima uruhare rwayo mu guteza imbere ubuzima.
- Hashyirwaho ingamba zo kurinda ahakorera akazi n'ubuzima bw'abakozi, kandi nta mukuzi ukwiye kwirukanwa azira ko yasabye gukorera ahantu hatekanye.

✧ **Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo:**

- Imiryango ya sosiyete sivili, harimo abanyamakuru, n'abaharanira uburenganzira bwa muntu bafite uburenganzira bwo gutara, kubona no gutangaza amakuru, no gutanga ibitekerezo ku birebana n'icyorezo, uburyo kiri kurwanywa n'izindi ngingo.
- Leta ikora ibishoboka byose murandasi ikagera kuri bese, ku biciro babasha kwishyura.
- Leta ntizigomba kwambura abantu uburenganzira bwo guhanahana amakuru ikuraho murandasi cyangwa yumviriza ibiganiro bagirana.

❖ **Uburenganzira bwo kugira uruhare mu bikorwa:**

- Leta ifata sosiyete sivili nk'umufatanyabikorwa ukomeye mu rugamba rwo guhangana n'icyorezo, harimo gushiraho politiki n'ingamba bidaheza, gukwirakwiza amakuru, kubaka imirongo y'ubufatanye no gutanga ubufasha ku batishoboye n'abagizweho ingaruka n'icyorezo.
- Leta yoroherereza imiryango ya sosiyete sivili kugira uruhare mu ishyirwaho n'ishyirwa mu bikorwa by'ingamba ziboneye zo kurengera ubuzima rusange.
- Imiryango ya sosiyete sivili, Abunyamategeko n'abanyamakuru ntibagomba guhezwa gukora imirimo nkenerwa ku buzima, nko gukurikirana imikorere y'igipolisi, imibereho y'imfungwa, abimukira, imibereho mu nzu zifungirwamo by'igihe gito, n'indi mirimo y'amategeko.

❖ **Amatora no kuyagiramo uruhare:**

- Mu bihe by'amatora, uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo n'ubwo guhura nk'itsinda (aho bishoboka) cyangwa bikoze kuri murandasi burubahirizwa.
- Ifatwa ry'ibyemezo n'ingamba ngenderwaho, Leta ibikora mu mucyo mu bihe by'amatora.
- Leta igisha inama sosiyete sivili mu gihe hategurwa imirongo ngenderwaho ikwiye gukurikizwa.
- Leta ishyiraho ingamba zose zishoboka zituma amatora abera igihe kandi hakanozwa n'imigendekere myiza yayo.



## IMYANZURO-NAMA

Iyi ni imwe mu myanzuro-nama yafasha mu iyubahiriza ry'uburenganzira bwa muntu hanashyirwa mu bikorwa ingamba zo kwirinda icyorezo:

1) Leta zigomba gutanga amakuru yuzuye arebana n'icyorezo kandi ku gihe kuri rubanda n'imiryango ya sosiyete sivili, kandi Leta zigaha amahirwe rubanda n'imiryango ya sosiyete sivili, yo gutanga ibitekerezo mu itegurwa, ishyirwa mu bikorwa n'isuzuma by'ingamba zo kurwanya icyorezo.

2) Ingamba zishyirwaho zigomba kugezwa kuri buri wese kandi mu buryo bwumvikana, ku buryo buri wese asobanukirwa byoroshye ibibujijwe n'ibyemewe.

3) Buri ngamba igomba kuba ifite intego isobanutse yo kurengera ubuzima rusange, kandi ntibe intandaro yo gukora ibinyuraniye n'amategeko. Ingamba zigomba kuba zikwiye, ziri mu nyungu za rubanda kandi zidahutaza.

4) Ingamba zigomba kuba zihariye ku kibazo zishyiriweho gukemura, akaba ari nacyo zibandaho koko mu rwego rwo kurinda abo zashyiriweho. Gukumira guhura kw'abantu bikorwa igihe bigaragara ko ariyo mahitamo ashoboka.

5) Ingamba zigomba gushyirirwaho igihe kizwi (hagati y'iminsi 15 na 60), zikavugururwa bigendanye n'uko icyorezo gihagaze, kandi zikavanwaho igihe icyo zashyiriweho cyasubiye mu buryo.

6) Leta ikwiye gufatanya n'imiryango ya sosiyete sivili mu gusuzuma iyubahirizwa ry'uburenganzira bwa muntu, harebwa ko ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba ritahonyoye uburenganzira bw'ibanze.

7) Ingamba zifatwa zigomba kuba zishingiye ku mategeko kandi zubahiriza imikorere y'ubutabera.



[www.ccoaib.rw](http://www.ccoaib.rw)

[www.icnl.org](http://www.icnl.org)

[www.urubuga.org](http://www.urubuga.org)